K0147660

| | |
|---|---|
| *IDENTIFICATION* | *: C. 62/ K95*<br>*0195*<br>*28/29/05/1994* |
| *DURÉE* | *: 60 Min* |
| *QUALITE* | *: Bonne* |
| *TRANSMISSION* | *: Radio- RTLM* |
| *NOM DU TRANSCRIPTEUR* | *: UWIMANA Rosine* |
| *DATE DE TRANSCRIPTION* | *: Le 24/05/2000* |
| *NOM DU FICHIER* | *: RTLM 0195* |
| ***DICTAPHONE*** | *: S/N°516567* |

*FACE A.*

Cassette n° RTLM 0195 transcrite par U.R.

# RESUME DE LA CASSETTE N° RTLM 0195.

FACE A.

* NKURUNZIZA Ananie ritique la mission de la Minuar, lui reproche de ne faire pratiquement rien etde n'avoir pas hésitéà prêter main forte aux dirigeants du FPR ainsi qu'à leur complice tels que les Ougandais, les Belges et les Américains dans leur plan d'assassiner le Président HABYARIMANA.
* GAHIGI Gaspard remonte le moral et encourage toutes les personnes qui sont sur le front et les exhorte à redoubler leurs efforts. Il félicite entre autres les gens de Nyakabanda qui sont au front.
* GAHIGI Gaspard divertit les auditeurs avec la chanson en Lingala "L'amour au Kilo" de MAYAULA Mayoni, la commente et essaie d'en traduire le sens pour eux.

FACE B.

* HABIMANA Kantano se lamente sur la longue absence de bons orateurs tels que le Premier Ministre, MWIGARAGANZO et NKUNDABAGENZI, sinon on n'en serait pas arrivés jusque là.
* HABIMANA Kantano conseille les Inkotanyi de renoncer à de cesser leurs mauvis actes.
* HABIMANA Kantano fait des commentaires sur les articles sortis dans les journaux étrangers tel que "Le courrier du sud", sur la planification de la chute de l'avion Présidentiel.
* HABIMANA Kantano relate également la situation politique qui prévaut au Burundi notamment sur la naissance d'un nouveau parti politique: "Parti pour la Reconstruction nationale": PARENA qui a pour fondateur l'ancien Président BAGAZA.
* Il dément les infomations annoncées par Radio France le même matin.

Cassette n° RTLM 0195 transcrite par U.R.

* HABIMANA Kantano invite tout le monde à rentrer et à retourner dans ses biens car fuir n'est pas la solution mais qu'au contraire il faut se battre.
* HABIMANA Kantano dénonce le Gouvernement des "Abatabazi" qui fuit ses responsabilités et son engagement envers le peuple et lui reproche de ne pas pouvoir venir en aide aux plus nécessiteux et enfin sensibilise la population sur l'arrêt des massacres.

FIN DE LA CASSETTE.

K0147663

Orateur : NKURUNZIZA Ananie.

........ tukarwana twivuye inyuma tugatsinda abazungu bazagaruka ndetse bazaduha n'amafaranga niyo moralité politique yabo ntugire uti hari ikindi ngo bakunda Abatutsi ngo ni uko ari barebare ngo ni uko bafite ibyo bita forme longe....longe... mbese biriya byo kuba umuntu afite mu nda hasa naho ntakirimo ibyo abazungu si byo bakurikiye gusa ahubwo bakurikiye inyungu zabo. Nidutsinda rero bakabona turi mu murongo w'inyungu zabo ibyo ari byo byose bazatugarukira icya ngombwa ni uko twima amatwi ziriya propagande z'Inkotanyi n'ibi b'abanyamakuru by'Ababiligi bazishyigikiye nahoze mbasomera ejo hanyuma tukarwana twamara gutsinda bakadushyigikira. Ikindi umuntu atabura kuvuga rero ni ibintu byo kubogama rwose biriho (il tousse) ko abantu bamwe baturwanya birumvikana ariko nkábo muri Loni bari hano ndumva nta kuntu basobanura ukuntu bo baturwanya kandi bitwa ko baje ku... guca hagati nabyita guca hagati hariho nk'uyu muntu bavuga ko ari we muvugizi wa Loni hano mu gihugu cyacu uwitwa cyangwa se reka mbe noroheje kuvuga izina rye aravuga ko igihe barasa indege ya Loni ku kibuga cy'indege ije ngo batamenye uwayirashe uwo ari we. Ni byo avuga mu cyongereza ati:"

"It looks like it was an attack .... planed but since are so confused here that we are not sure who was targeting us" iriya planned ni ikosa ngira ngo bashyizemo plane ubunndi nicyo kivuga indege.

Ati birasa naho uwarashe yarashaka kurasa indege yacu ati ariko ibintu hano rwose biri mu kaduruvayo ku buryo umuntu atamenya uwaturashe uwo ari we. Uwo ng'uwo yabibwiye ibiiiro ntangamakuru by'Abafaransa muri telephone yicaye hano i Kigali. Aha rero biteye isoni ku muntu uri muri Loni wumva ari nawe yivugira uvugira MINUAR hano akavuga ati ati ku kibuga cy'indege kirinzwe n'abasirikare bacu yewe azi ko n'Ababiligi bari bagi... mbere .. Bishe Président wa Repubulika wacu akongera akavuga ati ni ............. umuntu atamenya ibyo ari byo ku buryo gutyo. Abo rero ni babandi batugambanira ni babandi batuma iyi ntambara yacu ikara kurushaho ni babandi ubu bikoreye Jacques Roger BOHBOH bamuziza cyane cyane ndakeka aha nini ubwo barimo aba Flamands bakabamo abavuga icyongereza bamuziza ko ashobora kuba ari umwe mu bavuga igifaransa. Niyo mpamvu n'izo ngabo bahora bavuga ngo zizaza izo ngabo twagombye buri gihugu francophone, buri gihugu kivuga igifaransa izo nagbo batagombye kujya bazana ingabo zigere ino

aha ngo zisemure........... bagombye kuzana ingabo zivuga igifaransa.

..............................2.9.

Aha bagenzi banjye barabivuze cyane cyane aho Rédacteur en chef wa Radio RTLM atahukiye avuye mu butumwa barabivuze yuko nta gushyidikanya abanyamahanga bafatanije n'Inkotanyi aribo batwiciye Président wa Repubulika. Hari ikinyamakuru ngira ngo kuvuga mu magambo no kuyasubiramo ntacyo bitwaye hari ikinyamakuru dufite hano cyanditse ngo:"Belges, Américains, Ougandais dans le coup". Kiti abafarans... abanya plutôt Ababiligi, Abanyamerika n'Abagande mu kagambari. Un dossier accablant: inyandiko ibashinja. Noneho ndaza kubasomera akantu gatoya ari nako ndangirizaho ndagasoma mu gifaransa hanyuma ngacemo make mu kinyarwanda:

"D'après des sources sûres des officiers du Département d'Etat et du Pantagone ont complété, ont complété avec MUSEVENI Président de l'Ouganda et les dirigeants du Front Patriotique Rwandais pour faire aboutir l'assassinat".

Bakaba.... baravuga muri make y'uko abantu ba Leta bo muri Ministère y'ububanyi n'amahanga no muri Ministère y'ingabo z'Abanyamerika bacuze umugambi na MUSEVENI wo kwica Président wa Repubulika bakabavuga amazina hari amazina ntawayavuga ngo awurangize ndabona bavuga menshi bakaza noneho no kugera kuri iriya nama yabaye i Dar el Salam ari nayo ya nyuma umukuru w'igihugu cyacu yagiyemo akayirwamo bakavuga ko nayo yari akagambane iyo nama yari yahamagawe ku buryo bw'akagambane ari nabwo umunyamakuru witwa DILOWA wo muri Jeuna Afrique avuga ati ese iyo nama byari ngombwa ko Président wa Repubulika ayijyamo?

Kugeza ku munota wa nyuma kandi na Président wa Repubulika yari azi ko iyo nama nta kintu iri butange gusa ntawurenga umunsi we ntawurenga agasozi kamusabye amaraso iyo nama yayigiyemo ibyihebe byayo bisigara bicura imigambi y'Inkotanyi ni uko baramwica. Aha twavuze ko iyi radio kandi ni byo yarapfuye apfira Repubulika n'abayikunda apfira Abanyarwanda ahasigaye twe dusigaye Interahamw, ingabo z'u Rwanda, Mpuzamugambi, Inkuba, Abakombozi n'abandi bose n'Abanyarwanda reka turwane tumenye yuko tuzashyirira ku icumu ni dutsindwa bazaducira urubanza nk'urwo Inkotanyi zivuga buri munsi. Ahasigaye rero ni ahejo mwari kumwe na NKURUNZIZA Ananie.

............................5.5.

(Musique 2sec)

Cassette n° RTLM 0195 transcrite par U.R.

Orateur : GAHIGI Gaspard.

........... ko intwari ziboneka aho ruremye mukomere ku rugamba ngabo z'igihugu mukomere ku rugamba basore, mukomere ku rugamba baturage mwese mukomere mube maso kuri za bariyeri Abanyarwanda baravuze ngo "usuzugura akagabo ngo kakakurisha ivu". MUSEVENI n'Inkotanyi ngo bari bazi ko u Rwanda turi inzunguzwarimwe bibwira ko badufata mu ma saa make bitwaza uko bafashe Kampala bavuga ko muri Kigali noneho muri iyi ntambara bise iya rurangiza bazayifata mu ma saha atatu ane gusa ariko ngira ngo uko byabagendekeye barabibonye ubanza ubu barimo kwicuza nkagira ngo rero nongere mbabwire ko iyo abantu bishyize hamwe ntawubashobora igie Abanyarwanda twishyize hamwe tukaba tufatnyije n'ingabo zacu mbabwije ukuri ko Inkotanyi zitazigera zikoramo ahubwo zizicuza icyazizanye. Dutangiye rero ibiganiro byacu tuikaba tubifurije umunsi mwiza tubifurije kandi gukomera ku rugamba muri iki gitondo mukaba muri kumwe na Gaspard GAHIGI mukomere rero turakomeza tubaganirire kugeza ni mugoroba dufunga ibyuma byacu tukaba rero tubifurije umunsi mwiza mukomeze mwumva umuzika.

(Musique)

Tukaba dushima abaturage bo muri segiteri Nyakabanda tumaze kuvugana na Konseye w'iyo segiteri atubwira ko ejo bafashe iradiyo message iyi radiyo abantu bavugiramo iyo radiyo rero ikaba yarafashwe muri serire Munanira ubwo rero mwese (Inaudible) koko mugafata ibintu nk'ibyo umwanzi aho yihishe mukamufata noneho bakabona ko koko turi maso uwibaza rero ngo azarwana n'abantu bari maso uko azacenegra ni ko azafatwa. Iyo radiyo rero bafashe uwo bayifatanye azavuga uko yari ayisanzwe ayikoresha ku kazi ke ubu akaba akorera Abanyamerika iyo radiyo rero ubu ikaba yageze mu maboko y'ingabo zacu ubwo barasuzuma barebe ibyo iyo radiyo kandi tuzakomeza dukurikirane twumve koko niba aro iyo akazi cyangwa ahubwo niba ari iyo umwanzi.

Nk'uko nababwiye hano i Kigali haramutse hakonje nkaba ngira ngo mbohereze akaririmbo gashyushye, akaririmbo karirimbwe n'abantu b'impanga umwe yitwa Epe undi yitwa Kumo iyo ndirimbo rero akaba aribwo bwa mbere wenda mushobora kuba mugiye kuyumva kuri iyi radiyo ikaba yitwa (Inaudible).

............................8.7.

(Musique de 8.7 à 12.7)

Orateur: GAHIGI Gaspard.

Mu Kinyarwanda rero baravuga ngo urukundo ntirugurwa ariko ibyo ntibivurwa mu Rwanda gusa bivurwa n'ahandi hose iyo ndirimbo rero mumaze kumva ikaba yitwa l'amour au kilo ikaba yaririmbwe n'umugabo witwa MAYAWULA Mayoni akavuga rero ko urukundo rubagura kandi ko niba gukunda byagurwaga umuntu yajyajya ku isoko akagura ku kilo rero ibintu atari uko bimeze nkagira ngo rero iyo ndirimbo tuyiture abakundana bose cyane cyane muri (Il racle la voix) muri ibi bihe bibi usanga urukundo rukomeye rugaragara mu bihe bibi nkagira ngo rero mwumve iyo ndirimbo l'amour au Kilo.

(Musique de 13.5. à la fin)

***FIN DE LA FACE A.***

***FACE B.***

Orateur : HABIMANA Kantano.

Cassette n° RTLM 0195 transcrite par U.R.

Ni byo mu by'ukuri burya amashyaka yagomba guhagarikwa kuva intambara itangira kandi twari guhita tuyitsinda ariko hari abantu bajyaga ku rugamba NSENGIYAREMYE agatangira ngo abasirikare ni bajye mu bishanga bagacika intege abari ku rugamba bagatangira gutekereza ibyo ibishanga aho guhasha umwanzi ugasanga byose ibintu byapfuye. Ubu ahubwo turimo turibaza tuti ariko abantu bose bavuga aya magambo bari baragiye he koko? Bari baragiye he? Hari ba KAMBANDA Ministre w'intebe, hari aba ng'aba ba MWIGARAGANZO mu mabarabara NKUNDABAGENZI hari aba bose bavuga koko bari baragiye he ko intambara yose twari twarayitsinze Abatutsi tuba twarabashyize mu mwanya wabo ungana n'ubuke bwabo ko batari kwongera kugira impogonyo no kwongera kurota kudutera. Umuntu rwose asigaye yibaza ni nka bya bindi byo.. Imana yavugaga nako n'aba n'abigishwa b'Imana bavugaga bati "Nyagasani vuga ijambo rimwe gusa umugaragu wawe arakira". Rwose iyo hagira umuntu uhagarara akavuga iryo jambo icyo gihe rimeze nk'amagambo arimo avugwa ubu. U Rwanda ntabwo rukiba rukiri muri izi ngorane. Maze rero aho kugira ngo umuntu azavuge amagambo kera mbese arinde gupfa ntacyo avuze abantu bajye bareba kure bavuge amagambo areba kure aganisha kure nibashaka bayazire icyo gihe bayavuga ariko bayavuge koko, aya magambo avugwa ubu iyo aza kuvugwa mbere ntabwo Inkotanyi ziba zigejeje iki gihugu aha ng'aha. Ziba zaragiye mu mwanya wazo zigatuza zigaturama ubundi zikaza tuziyoboye, zipfukamye cyangwa zishyize amaboko ku mutwe. Cyakora ntacyo ni hahandi amagambo, amagambo na none nakomeze avugwe igihe cy'ukuyavuga ntabwo kirashyira cyane cyane ko abantu icya ngombwa ni uko abantu bayemera. Kandi abantu bose barayemera yuko tugomba kurwanira igihugu cyacu byanze bikunze, byanze bikunze hanyuma noneho abarwanira gufata ubutegetsi ari agatsiko k'abantu bake bakagera aho bakumirwa bakazabona ko ntacyo bakorera n'abazungu bakazabona ko bibeshye bibeshye ko ntaho bishobora kubageza. Mukomeje kwumva Radio yigenga RTLM ivugira i Kigali ubu ni saa yine n'iminota makumyabiri n'ibiri iminota makumyabiri n'itatu muri studio za blindé ya Radio yigenga ya RTLM mukomeze mugire umunsi mwiza.

(Musique 2sec)

...... kizungu bo bihitiramo kwibera mu myobo sinzi abo bantu uburere bafite ubwo ari bwo. Ibyo ari byo byose bazumirwa, bazumva icyabazanye bumve baricyetse, bumve barineguye kuko ubutegetso bw'imbunda, démocratie y'amasasu, ubutegetsi bwo ku masasu bwo ku ruhemba

bw'umuheto ibyo ng'ibyo ntabwo bishoboka, ntabwo bishoboka.

Abavuga rero ngo "révolution" ni igisubizo cy'ibibazo byo mu Rwanda, ngo n'imbunda ngo tuzarasa nyamara abo ng'abo bose baza KAGAME yabonye ko ibisozi bya Byumba byose nta muntu uriho, ahantu hose se yumva azahagira urwuri n'impunzi ziri impande n'impande bigashoboka. Aho yirukanka hose se i Kibungo mu ntoki iyo abona nta muntu umusuhuza KAGAME alias Kagome yumva ibye bizagenda gute? Ibyo ari byo byose KAGAME yari yavuze ngo ku cy'u... ngo ku itariki cumi n'umunani ngo azasinzirira muri uyu mujyi wa Kigali ngo niho azaryama muri Hôtel des Diplomates cyangwa muri villa ngo ntazi iyo ariyo ibyo ari byo byose ndakeka y'uko bizamugora cyane, bizamugora azaze aryame ntawumubujije ariko hum.. Ndakeka yuko hari ibyo batukana bavuga ngo "urakaryamira ubudaciye" menya rero na KAGAME alias Kagome ariko bizamugendekera.

Maze rero ubwo ng'ubwo hano ndi kumwe na mugenzi wanjye ndi kumwe na mugenzi wanjye Ananiya, mugenzi wanjye Ananiya rero ubu ng'ubu ko mumumenyereye aragira ngo abagezeho ibyo yabasomeye ibyo yabumviye kugira ngo murusheho gusobanukirwa.

Waramutse Ananie.

Orateur : NKURUNZIZA Ananie.

Mwaramutse Kantano ee.. Mwaramutse abatwumva abumva Radio RTLM uyu munsi turi ku itariki ya cumi na gatandatu tubaze neza rero nk'uko twababwiraga Inkotanyi zari ziyongoje zagombye ngo kuba zafashe umujyi wa Kigali kuri cumi n'umunani. Ejo rero ni ku icumi na karindwi, ejo bundi hakaba ku icumi n'umunani ni byo ngira ngo wavuga yuko KAGAME yavuze ko azaryama, aho azaryama simpazi ariko ibyo ari byo byose uko mbona ibintu uko tubibona uko biba byaramutse ngo mu ma karitiye hirya no hino turabona adateze kuzaryama i Kigali na rimwe. Iyo aba ndetse yaraje mu mwanya wa KAYONGA wari ubayoboye bariya bararaga muri CND naho KAGAME ashobora kuzapfa ataryamye i Kigali.

.............................. 5.8.

Turasoma rero tugenda dusoma ibinyamakuru byinshi uko tugenda, uko bigenda bitugeraho niko dushobora gusobanukirwa n'akaga twagize.

Nyakubahwa Président wa Repubulika ajya kujya mu nama y'i Dar el Salam yo ku itariki ya

gatandatu y'ukwezi kwa kane, yabanje gushidikanya nk'uko tubisoma mu binyamakuru byo hanze. Ariko icyo gihe bamushyiraho agahato ngo azaze byanze bikunze ngo izaba ari inama ikomeye ngo MOBUTU azaba ahari, MOI azaba ahari wa Kenya, MWINYI wa Tanzaniya niwo wari wabatumiye eeu.. uwo muri Mozambique ngo nawe ngo azaba ahari n'abandi n'abandi. Cyakora uwo munsi byagaragaye

haje MUSEVENI we nyine, umugambi rero wo guhitana Président wa Repubulika bari bamaze kuwunoza bagumya kumwemeza ko akwiye kuza bati uzaze kuko n'abandi bazaba bahari kandi inama izaba ikomeye nta baje rero. Ba CHILUBA ntibaje, ba MOI ntibaje, ba MOBUTU ntibaje, abo bose ahari aho nabo bajaga kurwa mu mutego wo kwicwa nk'uko iryo yicwa ryari ryateguwe turabibwirwa na.... n'iparti yitwa Uganda Democratic Coallition: UDC ya... y'Abanyayuganda baba i Washington nk'uko byasohotse mu kinyamakuru cyitwa "Le courrier du sud" yo ku itariki ya cumi n'umunani y'ukwezi kwa kane. Ni ukuvuga uyu munsi ibyumweru bibiri aba....( inaudible) bacu Inkotanyi n'abazungu bamaze kuhitana.

Bavuga rero ko uwo mugambi muri icyo kinyamakuru, ntabwo ari jye ubivuga, bavuga ko uwo mugambi wacuriwe muri Amerika bakawugeza kuri Museveni no ku Babiligi. Sinzi rero niba ari Abanyamerika bawucuze cyangwa niba ari Ababiligi bawucuze bakabibwira Abanyamerika byose bigaca kwa MUSEVENI. Mu Banyamerika bawucuze abo batubwira muri icyo kinyamakuru nababanosoreyeho ejo hari nk'uwitwa Prudence GOUCHNER, umunyabanga wungirije ku bibazo bya Afrika. Hakabamo uwitwa Arlène LENDER, Directeur w'ibiro by'Abanyamerika bireba Afrika yo hagati ni ibiro rero biri muri Ministeri yabo y'ububanyi n'amahanga. Umunyamabanga nawe wungirije muri Minisiteri y'ingabo ariko ngo akaba ashinzwe uburenganzira bw'ikiremwamuntu ngo agashingwa n'impunzi, mwumva ko ashinzwe uburenganzira bw'ikeremwamuntu agashinwa n'impunzi akaba yari muri uyo mugambi ngo wo kwicisha abo yita abategetsi b'igitugu.

Hakaba rero n'umudamu yitwa Patriciya E....., abo bose rero icyo kinyamakuru kiravuga ko basuye u Rwanda, basura u Burundi basura Yuganda mu kwezi kwa gatatu k'uyu mwaka ndetse basa n'abashyushya urugamba rwo kuzakora amarorerwa.

..................................8.5.

Ni uko, ibyo rero byarabaye ndetse hari ikinyamakuru kindi Madame wa Président wa Repubulika avuga ku buryo bunonosoye avuga uko byagenze, ngo yagize atya ngo yumva indege irahinze abwira

abana ati: "iyo ndege ni iya Papa ije", abana bati: "niyo koko" bityo irahumba ibintu biraturitse ni igitangaza rero cyabaye ni uko iyo ndege yashwanyukiye mu busitani bwa Nyakwigendera Président wa Repubulika mbese bakarara bashakisha imirambo kuko yari yahiye .... (inaudible).

Uwo mudamu rero nk'uko abana be babivuga yabaye intwari, ndetse ubwo amasasu y'Inyenzi yatangiye kuvuga bisa naho bashaka gufata ingoro ya Président wa Repubulika.

Abajepe rero bakoze akazi kabo barwana kubasigaye kugeza mu gitondo ubwo niko Madamu wa Président wa Repubulika atubwira kugeza mu gitondo ubwo haje umusirikare w'Umufaransa ababwira ati:"mufate utwanguke mbajyane" kandi koko icyo gihe ibintu byari byakomeye.

Aha rero igihe byari byakomeye ni nkokwibukiranya, abazungu bo bose baragiye. Biratangaje koko hano muri icyo kinyamakuru baravuga bati: "la déblaque des Occidentaux". Niko kuvuga ko bamaze kumenya ko Nyakubahwa Président wa Repubulika amaze kwitaba Imana ahajya mu ma saa yine n'iminota mirongo itanu ba bandi ba Minuar bose ngo bahise basaba gutaha, n'ubwo batashe nyuma ariko icyo gihe ngo basabye gutaha. Aha ndetse ba Babiligi bari bamaze gukora ishyano nabo batangira kwirukanka bahunga. Nk'uko Ministre wabo w'ububanyi n'amahanga abivuga ati: "Nos casques bleues sont pris comme des rats". Ati: "abantu bacu bafashwe nk'imbeba". Ubwo rero batangiye gutatana ndetse FPR nk'uko twabivuze ibaha amasaha mirongo ine n'umunani ngo bakaba bagiye. Baragiye bose rero ababaye intwari twagumanye ni Abarusiya n'Abashinwa. Ababaye intwari twagumanye ni Abarusiya n'Abashinwa. Biratangaje rero bizakomeza kudutangaza kubona Abanyamerika baharanira démocratie, kubona abantu bose baharanira démocratie bashyigikira kariya gatsiko k'abakoministe nk'uko twabibonye uretse ko hari .... koministe baba barabiretse kuko bamwe aho bavuriye muri Cuba nigeze kuvuga y'uko moralité politique y'Abanyamerika ari ikintu cy' igitangaza.

Bamwe aho baviriye muri Cuba babonye ama stages bajya kwiga muri Amerika, bamwe ndetse ba KAGAME bize muri Arkansas aho Bill CLINTON yahoze ategeka akiri Guverineri w'iyo ntara abandi bajya kwiga muri Kaliforoniya, abandi bajya kwiga muri Leta ya Oregon, abandi bajya kwiga muri Louisiane, abandi bajya kwiga muri Nouveau Mexique.

.........................11.4.

Aho izo Nkotanyi rero zagiye kwiga zagiye ziyita Abagande ariko eu....ntabwo Abanyamerika bari bayobewe ko ari Inkotanyi nk'uko uwitwa .... (inaudible) w'Umugande yabibwiye Colonel Tom

MARLEY, uyu Colonel Tom MARLEY ngira ngo twaba twarigeze kumuvuga ahari aho uko yagiye akurikirana imishyikirano ya Arusha ari nawe ngo muhanga mu buryo bwo kuvanga ingabo ngo ahagiye haba intambara nk'izi ng'izi turwana, ee... cyane cyane muri Amerika y'epfo ngo niwe yagiye ajyayo ku buryo bwo kuvanga ingabo.

Uwo Colonel MARLEY rero yari azi neza y'uko Inkotanyi turwana ari Abatutsi b'ino aha kandi bahoze ari Abakoministes biga za Cuba, bagerayo bakabagura, ndumva Abanyamerika barabaguze, aha mbese muri make intambara turwana amateka niyo azatubwira ukuri uko ari ko.

Ibyo ari byo byose bikomeje kudutangaza kubona abantu baharanira démocratie, abantu ndetse umuntu yavuga ko bemera Imana, ari Abakristu bigabiza umukuru w'igihugu cyacu bakamwica, bakamwica urupfu nk'urwo bamwishe. Bikojeje izoni. Uretse ko muri iki gihe babyibagirwa ngo barareba impunzi ziri muri "Milles Collines".

Mu makuru rero yavuzwe muri iki gitondo tumaze iminsi tuvuga ibyo mu Rwanda bya... byabaye byinshi bitubana byinshi ku buryo nta kindi tukivuga uretse ibyacu byo mu Rwanda.

Mu Burundi rero muri bene wacu bo hepfo hariya b'abaturanyi nabo bafite akaga nk'akacu. BAGAZA wahoze ari Président waho yashinze ishyaka rishya ryitwa PARENA ariryo "Parti pour la Reconstruction Nationale". Ngo ni ihsyaka rishinzwe kuzahura igihugu. Mubye... igihugu kuko cyasenyutse cyabo umenya nabo barashenye cyane muri iyi minsi aho agatsiko k'Abatutsi ka BIKOMAGU gatangiriye kwica no kumena amaraso muri icyo gihugu.

Iryo shyaka rero rikaba rifite umugambi wo guhamagaza inama ya rukokoma kuko ngo ubutegetsi buriho busa n'aho ntacyo bumaze ahubwo bukomeje nk'uko BAGAZA abivuga ngo byakurura intambara nk'iyo ino aha ng'aha.

Iyo nama rukokoma rero ngo yazaburiramo noneho bakareba ukuntu bagabanya u Burundi mo kabiri.

Hakaba agace k'Abatutsi hakaba n'agace k'Abahutu.

.................................. 13.5.

Umunyamakuru yabajije BAGAZA ati "ese urubano ibyo bintu Tutsiland cyangwa Hutuland bishoboka ku gahugu gatoya?"

BAGAZA aramusubiza ati "cyokora biranaruhije", ati "kuko hari naho Abatutsi bashinze pe".

Namenya rero niba n'abo Batutsi barashize, niba ibyo bintu bitajya guhura n'ibyo KAGAME

atekereza gukora ino aha, ibyo twabivuze inshuro nyinshi ko MUSEVENI ashaka gukora igice kinini gituwe n'Abatutsi n'Abahima icyo gice kikava muri Uganda, kikagukira u Rwanda kikagera mu Burundi. Urumva rero we BAGAZA yabitekereje na KAGAME abirimo.

Na none Radio twumvise y'Abafaransa muri iki gitondo yavuze yuko ngo imirwano ikomeye cyane mu mijyi yo mu Rwanda. Ngo mu mujyi wa Nkumba, mu mujyi wa Ruhengeri ( Il rit), mu mujyi wa Bugesera no mu mujyi wa Gitarama. Nibyo rero nahoze mbabwira nti uwakumva ayo maradiyo yashoberwa. Ejo nyamara niho wa mu Ministre w'Abafaransa KOUCHNER yari yagiye i Gitarama. Ahubwo agaruka ngo Inyenzi zamurasheho hariya hajya muri Nyabugogo, sinzi rero aho iyo mirwano y'i Gitarama nk'uwo munyamakuru aba yayikuye. Sinzi uwamubwiye ko Nkumba ari umujyi sinzi uwamubwiye ko Bugesera ari umujyi. Tugarutse aha ng'aha rero ndumva Kantano agomba kuba yababwiye Inyenzi ejo zarashe ku bantu ba Loni. Nizeye ko KOUCHNER yamenye ko Inyenzi ntacyo zubaha.

Ikindi ahari aho ni uko twasaba twi... niba KOUCHNER aba muriho bagomba kuba bamubwira nibyo tuvuga bamusobanurira twamusaba mbere y'uko agenda nabwo yagera aho Inkotanyi zanyuze akareba amarorerwa zahakoze ntajye agenda avuga ngo ni tubike imipanga ngo kugira ngo ese twabika imipanga dute kuki atabwira abandi ngo babike za kalashinikove?

Ikintu narangirizaho na none ni no gusaba Leta yacu ngo irebe neza cyane cyane ibwire ambasaderi wacu muri Tanzaniya akurikirane kuko Inkotanyi zimaze iminsi zivuga zigamba ko zaba zarafungishije abantu bacu bahungiye i Ngara. Ni ukureba neza rero bataba baradufungiye abantu koko kuko Inkotanyi nta kabi zidakora Ambassadeur wacu rero ahaguruke MUNYANEZA arenganure abo bantu bacu amakuru n'ibitekerezo nari mbafitiye by'uyu munsi ni ibyo ubwo ni ahejo.

..............................15.8.

Orateur : HABIMANA Kantano.

Urakoze Ananiya abumva RTLM, abumva RTLM ubu ni saa tanu n'iminota itandatu, saa tanu n'iminota itandatu muri studio......

....korana amanama mwegerane mutekereze ukuntu mwagaruka mu byanyu mufashijwe n'ingabo z'igihugu kandi namwe mwifashije nta kuntu Abagande baza ngo badutwarire igihugu tubihorere

ibyo bintu ntabwo bishoboka nta hantu twahungira Inkotanyi ziri hose ntaki, nta handi hari u Rwanda ngo twahungiramo, tugomba rero kurwanira muri uru Rwanda nta kindi. Kandi burya urushishi rwishe inzovu wabona Abagande tubatsindanye n'Inkotanyi zabo noneho bagasubira i Bugande bafite ikimwaro.

Nyamara twe ntitunarimo........ rwose buhoro buhoro, buhoro buhoro twitonze, ntaguhubuka, nta guhubuka tuzabigeraho. Twumve umuzika.

(Quelques sons de musique)

Orateur : GAHIGI Gaspard.

...... ambwira ukuntu bamaze abantu ambwira we ukuntu yashoboye gucikishwa n'abasirikare bo muri ..... (inaudible) kuko bari bamuzi bajyaga kuri iyo hôtel.

Ubwo rero abantu bagiye kuvamo njye abo nakwibandaho abo .... kuri hôtel, kuri iyo stade Mahoro no kuri Hôpital Roi Fayçal Abahutu benshi babamariye ku icumu ubu abasigaye akaba ari Abatutsi bagomba (inaudible). Abo nakwibandaho rero cyane cyane ni abo kuri Milles collines kuko bari mu gace kagenzurwa n'ingabo za Guverinoma yacu. Abo bantu rero bakavuga bati nabo bajye aho bashaka. Ikintu rero navuga ni uko muri iki gihe cy'intambara tugomba kwirinda kurwa mu mutego cyane cyane nkaba nabwira Guverinoma ko igomba kwirinda kurwa mu mutego kuko igihe abo bantu bari mu karere kagenzurwa n'ingabo zacu bari mu maboko ya Guverinoma kandi inshingano ya Guverinoma ni ukurinda umutekano w'abaturage bayo. Abo bantu rero Guverinoma njye mbona ibashinzwe ikwiye kurinda umutekano wabo ikaba.. bungabungira ubuzima kuko niyo nshingano ya mbere ya Guverinoma yo kubungabunga umutekano w'abaturage.

Abo baturage rero bari muri Milles collines nabo bakaba bashinzwe Guverinoma umutekano wabo ushinzwe Guverinoma kuvuga rero ngo bigire aho bashaka ni nko kwemeza ko iyo Guverinoma idashoboye kurinda umutekano wabo.

........................18.1.

Akaba ari umutego njye mbona ugaragara Guverinoma igomba kwirinda kurwamo kuko kuvuga ngo abo bantu ngo ni bagende ni ukuvuga ko bemeza ko Guverinoma idashobora kubungabunga umutekano wabo. Ni ukuvuga ko Guverinoma ibaretse bakagenda ari nko ukwemera ku buryo buziguye ikirego Inkotanyi irega iyo Guverinoma ko ari Guverinoma y'abicanyi. Igihe rero abantu

K0147674

bavuga ngo bagende Guverinoma yigendere ni ukuvuga ko niba yemera ku buryo buziguye ko koko idashoboye kubungabunga umutekano w'abaturage kandi Guverinoma nyine yarahagurutse yariyise Guverinoma y'Abatabazi igenda mu misozi, igenda mu cyaro, igenda mu mijyi ivuga iti: "amahoro ni agaruke, ibyo bintu by'ubwicanyi nibihagarare" ubu rero niba abantu bakomeza kuvuga bati:"turagiye" ni ukuvuga ko basa n'abarega iyo Guverinoma kuba idashoboye kubungabunga umutekano wabo.

Twe rero kuri Radio yigenga RTLM tukaba twasaba Guverinoma gushishoza ikiga ibyo bintu neza kuko muzi ko abo bantu bigeze no gusohoka noneho abantu babatangirira ku muhanda babasubizamo, icyo gihe se bwo Guverinoma nta cyemezo yari yafashe? N'ubu rero ngira ngo mbwire Guverinoma ishishoze.

Ikindi navuga ni uko niba abo bantu bavuze bati twe nta mutekano dufite ni bareke tujye aho dushaka.

Ubu se ni ukuvuga ko abo bantu bari bubajyane aho bashaka. Abantu bafungiye za Kibungo, za Kayonza, za Murambi, za Rukara abantu bagoswe n'Inkotanyi bo ntibifuza kuba bajya aho bashatse? Abantu b'impunzi bari i Runda, bari hano i Kigali kuri Sainte Famille, abantu bavuye mu byabo, bo se ntibakwifuza gusubirayo? Minuar se bose ishobora kubaherekeza ngo basubire mu byabo? Icyo ni ikibazo rero Guverinoma ikwiye kwibaza ikavuga iti "niba nkomye urusyo ndakoma n'ingasiro". Niba icyo bita mu gifaransa ntabwo umuntu yakora "deux poids, deux mesures" ubwo igihe abaturage bose ari aba Guverinoma ngo Guverinoma ikorere bamwe iki abandi ye kubakorera iki. Niba rero hari abantu benshi bashobora kujya aho bashatse Guverinoma yagombye kubibashamo bose ntifashe bamwe ngo ireke abandi.

Kantano akaba aribyo nashaka kuvuga ko Guverinoma igomba kumenya ko ishingano ya mbere ari umutekano w'abaturage, ko rero bamwe batahabwa ubwo burenganzira abandi ngo babubure. Ubwo rero nongere nibutse ko abari kuri stade Amahoro, abari kuri Roi Fayçal bo bari mu maboko y'Inkotanyi kandi ko Abahutu benshi bariyo.

.........................21.0.

Ubwo rero ugasanga kuvuga, kubihuza n'abari kuri Milles collines ari ikintu njye mbona Guverinoma ikwiye gushishoza ikareba abantu bari muri muri.. kuri Milles collines umutekano wabo ugomba kubungabungwa na Guverinoma, abaturage aho bari mu gihugu hose umutekano

wabo ugomba kubungabungwa na Guverinoma, kubwira rero bamwe ngo bajye aho bashatse abandi mu gihe hari ingwate, abandi mu gihe badashobora gusubira iwabo ibyo bintu njye nkabona ari ibintu Guverinoma yari ikwiye gushishoza ikabyiga neza igafata icyemezo ntibibe m mutego kuko hari amanama DALLAIRE amaze iminsi acuragiranamo akayagirana ngo n'urubyiruko ukibaza niba urwo rubyiruko rwatumwe n'amashyaka kuko tuzi ko urwo rubyiruko rw'amashyaka menshi rudafite n'ubuzima gatozi, ubundi rero "cadre", ndavuga ukuntu Minuar ihura n'urubyiruko, Minuar izi ko iri mu rwego mpuzamahanga kugira ngo rero ize kumanuka ihure n'urubyiruko ntihuye n'abahagarariye Guverinoma, ntihuye se nibura n'abahagarariye amashyaka akaba ari ibintu njye mbona abantu bakwiye gushishoza abo bantu tuvuga bari kuri stade Amahoro, bari kuri Roi Fayçal, bari kuri Milles collines bari muri Préfecture y'umujyi wa Kigali muri Kigali y'umujyi nyine ubwo Prefecture y'umujyi wa Kigali n'ubuyobozi bwayo buhagarariye Guverinoma bwari bukwiye nabwo kugira icyo bugeraho, bu... uruhare rubugiramo ubwo muri ayo mana nkaba numva PVK yari ikwiye kuba ihagarariwe, ubwo rero ibyo bintu byose nkumva Guverinoma yari ikwiye kubishishozaho kuko nicyo kintu kivugwa muri iki gihe.

Abantu bamwe ngo ntibahabwe uburenganzira abandi ngo babubure. Kantano ni icyo nashaka kuvuga kubyerekeye ibyago by'abo bantu basa n'ingwate bari kuri stade Amahoro, kuri ... Hôpital Roi Fayçal no kuri Milles collines.

....................................23.0.

Orateur : HABIMANA Kantano.

Urakoze GAHIGI ndakeka ko kino kibazo wagombye kugitekerezaho ni uko wa mugani Guverinoma iteka twakomeje dusaba y'uko Guverinoma yaza gukorera i Kigali umenya ahari ibyo bibazo ahari binatugeraho binatinze cyangwa se ntinabikurikiranire hafi ngo irebe uko ibintu bimeze simbizi rero nk'ubwo bagombye kuba barasuye... hari abantu bafungiwe muri Roi Fayçal, abantu bafungiwe muri stade bagombye kuba barasuye abo bose bakagirana imishyikirano ariko kugenda i Gitarama ibyo ntabwo........... igihe bazaza ino niba hari amabombe aturweho twese icyarimwe, abapfa bapfe abakira bakire ariko Guverinoma ... ikwiye gukomeza kwibera i Gitarama twizere ariko ko bumva RTLM bakaba babyumvise kandi ko babitekerezaho. Murakoze

Orateur : HABIMANA Kantano.

RTLM Radio yigenga ivugira i Kigali ubu ni saa tanu n'iminota ( coupure) kugeza... ku Mulindi hanyuma bamara kurasa bakongera bakagenda. Ubu rero bari ku Mulindi barimo barakora raporo y'ibintu cyashenye uko gisenya uko giturika abantu cyakanze ariko mu by'ukuri ndakeka y'uko (inaudible) ko nta muntu cyakanze ntabwo kirusha katyusha guhorera uretse guturika gusa kibesha besha birumvikana rero ko ntacyo kimaze bashatse abari bagikotesheje bagisubizayo kuko ntabwo kizakanga Umunyarwanda ngo ave mu bye ate abe ngo ni uko cyaturitse. Ubwo rero ndakeka ko Ababiligi bahombye kuko icyo kibunda ntawuzakigura kuko nta kintu cyamaze hano i Kigali. Hanyuma abantu barakomeza kuvuga bati... kuri... bati kuri bariyeri, bati kuri za bariyeri zimwe na zimwe haragenda haboneka abantu b'ibisambo, cyakoze abo ng'abo ni ukubirukana, ni ukubirukana kuko ntacyo bamaze ariko na none i Nyamirambo ejo ni mugoroba nahasanze ikintu cy'igihuha ngo hari ilisite y'abantu bagomba kwicwa, hum... bagomba kwicwa barimo indaya barimo iki. Noneho ndibaza ariko abantu barumva? Narabajije nti ese iyo liste iri he? Ni muyimpe ndebe. Abo bantu bariruka uwayiba.. (inaudible) ? Ndebe ni cyo abo bantu bagirizwa, ni ukuvuga icyo barerwa. Noneho uwo nabajije arambwira ngo ni Interahamwe ngo zanyuze hano, ngo ntituzi iyo zaturutse ngo nizo ngo zakoze iyo liste. Ariko se ibyo bintu izo Nterahamwe ni izo mukihe gihugu? Ni izo mu kihe gihugu? Kuko ari Président w'Interahamwe ari Ministre w'Intebe, ari Président wa Repubulika, ari... abantu bose baravuga bati "Nyabuneka kwicana byararangiye, abapfuye barapfuye", ibyo barabivuga kuri Radio buri kanya buri munsi bati "umuntu turwanye nawe ni Inkotanyi, n'ingabo ya FPR yaba yihishe".

Ariko se koko nyuma y'ukwezi n'igice umuntu utamenye ko ari icyitso nibwo ukibibona? Umuntu utamenye ko ari ingabo ya FPR? Ubu nibwo ugiye kubibona? Abo bantu rero nkuko Ministre w'Intebe yaraye abivuze abantu biyitirira Interahamwe bagakora amalisite yo kwica abantu, abo bantu ni ibyitso by'Inkotanyi bagomba gufatwa nk'Inkotanyi. Niba rero umuntu uzava i Nyamirambo agatangira akarasa abantu cyangwa akabashyira ku murongo, ni ukumufata nk'Inkotanyi agahita yicwa ako kanya. Ng'uko bigomba kugenda. Naho ubundi ibintu by'akajagari bikomeje nta hantu igihugu cyacu cyazagera.

......................26.4.

Nyuma kandi "uwuhisha ababi yamaze abeza". Utekereze kuri uwo mugani ariko "uwuhisha ababi

K0147677

yamaze abeza"ni ukuvuga ko ugenda wiyita ngo uyu ni mubi, n'uyu ni mubi, n'uyu ukamukurikizaho wajya kureba ukareba n'abeza bose bose warabatsembye. Ubwo rero hari ahantu usigaye ujya ukabona umukobwa mwiza arahise, abantu bagakanura amaso ngo "kuki uyu atapfuye" nyamara kandi ari Umuhutukazi, hanyuma kandi niyo ataba Umuhutukazi, Umututsi wese nawe ntabwo agomba gupfa. Apfira se iki? Intambara ubu ng'ubu yagiye uruhande rumwe, abasirikare ubu nibo bahanganye n'Inkotanyi ziri mu bisambu. Ubwo se abantu basigaye bisuzugura biteye isoni, umugore mubi muri karitiye aravuze iya bahanda asengerera abagabo bose ngo bamareho abagore beza muri ako karere asigareho ariwe mwiza. Ubwo se ibyo bintu amaherezo ni ayahe? Abo batonanye abo bagize gute, ibyo bintu ni akaga.

Abo rero Ministre w'Intebe yavuze yuko yasanze ko ari Inkotanyi mu zindi, ko ari ibyitso abantu bacica abantu ko ari ibyitso ni Inkotanyi kuko baragira ngo igihugu gikomeze kigire isura ribi, bakomeze bagiharabike mu mahanga, babure imfashanyo n'iki dusange nyine twi.. turaguye mu byondo kandi kubera ibyo bintu by'ibisazi muhura n'umuntu ngo "nturapfa", apfira se iki we ko utarapfa umurusha iki? Ntava amaraso nawe ukava andi? Hein ngo uriya ni mwiza, ngo se kuri mwiza ngo kuri imfura? Ngo ko izuru se ari rirerire, riramaze. Nta Muhutu uzi afite izuru rirerire? Umuhutu se ni igiki kimubuza kuba imfura? ... ibyo bintu byo kwisuzugura nabyo biteye isoni.

Hanyuma ku Karambo rero, ku Karambo mukomere cyane. Mukomere cyane, mukomere rwose Inkotanyi zabuze amajyo zikwire imishwaro, zirimo zirakwira imishwaro zigana za Karambo, zigana aho hose mu nturusu ariko abantu bo ku Karambo mukomeze umutsi mukomere ahubwo ingabo z'u Rwanda zibishinzwe zize zibafashe ariko mwe guhunga muva mu byanyu mukomeze mu... umurego kuko izo Nkotanyi ubwo ziragira ngo zize, zize kwiba ibintu muri MAGERWA, ziturire ibori, zitu...ziturire ibishyimbo, urebye ni utuntu twishwe n'inzara iyo nzara rero yaturembeje muduhagarike ntibaze kutunywera inzoga cyangwa se ngo baturire umuceri, ntawo.. ntawo baguze ntawo bahinze, ntawo bahinze abo bantu b'abiyahuzi muba... mubazibire ntimuhunge rwose ngo muve mu byanyu bantu bo ku Karambo, mukomeze namwe bantu bo mu Gatenga, mukomere murwane n'izo Nkotanyi ahubwo abasirikare baze bazisubize ku Mulindi, maze muzikubire hagati muzigote ubundi muzereke icyazizanye.

..........................28.9.

Ha... reka nsuhuze umugabo witwa SAFARI Jean Baptiste, ha ku Kabeza se bite? Muraho? Ibyo ari

K0147678

byo byose ku kibuga cy'indege, ikibuga cy'indege gifashwe n'ingabo z'u Rwanda ni nyabagendwa rero kimeze neza hanyuma Muzehe RWAKAYIJA Christophole w'i Nyamirambo w'i Nyamijos hummm.

Hari abantu bavuga ibintu byo kwigerezaho kw'Inkotanyi koko ugasanga Inkotanyi uretse ko bazibwira bati, nyine hari igihe umuntu avuga Inkotanyi ati ese mama koko buriya ibyo zikora zumva zabitekereje?

Noneho ugasanga koko hari igihe zidatekereza. Ejo bundi Inkotanyi zakoreye inama muri Ambasade ya Ejibute ya.. ya Ejibute hariya hirya ku gipande cyo hirya ya Méridien habe no kugira ngo ziye mu nzu zihagararira hanze eka sinakubwira zirihetura zitanga ibintu by'amabwiriza noneho umusirikare w'u Rwanda wazigenduriraga muri jimeri, uri cya kibunda gikomeye cyane kimwe kizicucuma n'uko ahita ajya akara ati " hariya" igisasu cya mbere agitera hafi y'Inkotanyi noneho aramubwira ati "corrigez", hop! Neza neza kirwa hagati mu Nkotanyi yorohezayo bitatu, n'uko Inkotanyi ibyzo biba birarangiye. Kandi zari Inkotanyi nkuru cyane, nkuru cyane zarimo zikoresha amanama.

Urumva ko Inkotanyi nyine zigerezaho abakurura ibibunda bakabyigiza mu muhanda kandi babona ko nta buryo bashobora gusubirayo biruka ibyo rero urumva ko ni akaga. Njye mbona biriya bintu ari ukwigerezaho, ni ukwiyahura kujya mu gihugu kirimo abantu benshi, ukavuga ngo ugiye kuzitegeka, ibyo bintu byine usanga ari akaga. Ni nk'ukuntu Inkotanyi.... Inkotanyi aho ziri umuntu arahazi, hinga nzibwire aho ziri zumve ko umuntu ahazi.

Dore zishye umuzamu wa UTEXRWA, byiba ibintu by'ibikoresho by'ingabo z'u Rwanda ni ukuvuga imyenda yari ihari. Iyo niyo zambaye. Ariko se umuntu ntazazibona se akazimenya? Hanyuma rero aho ziri ni Gacuriro muri joke, i Gacuriro muri joke niho ziri, ziri ku mugabo witwa RUZINDANA Rafayeli ni.....

**FIN DE LA CASSETTE.**